# REPUBULIKA Y'U RWANDA

# KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'ITORERO

www.nic.gov.rw

# INYOBORABATOZA KU MITUNGANYIRIZE N'IMICUNGIRE Y'URUGERERO RW'INDAHANGARWA

## IJAMBO RY'IBANZE

Komisiyo y'Igihugu y'Itorero ifite intego rusange yo kubaka Umunyarwanda ukunda Igihugu, ukunda umurimo, ufite indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda, kandi ufite umuco w'Ubutore, bityo akitwa Intore.

Ni Intore idatorezwa gutaha, ahubwo itorezwa gutumwa ku Rugerero. Ni Urugerero, Umukuru w'Igihugu akaba n'Umutoza w'Ikirenga, Nyakubahwa Paul KAGAME, yasobanuye, agira ati:

*"[...]Urugerero ni ifumbire y'ubwenge, utarugiyeho aragwingira[…]; Umurima utarimo ifumbire, udafite n'ubutaka bwiza bigenda bite ? Uratera hakagira icyera ? Nta na busa !*
*Ubuteraho ibintu ibyo ari byose, icyagombaga kuza ari icyatsi kibisi kikaza ari umuhondo cyangwa gitukura, ntakirimo !*
*N'abana bato, Urubyiruko rutarezwe, rutahawe ifumbire mu mutwe uko bikwiye, gutekereza nta musaruro uvamo; uramubona, ukabona umuntu arahita, aragenda hanze, ukabona ni umuntu wuzuye, ariko imbere muri we atuzuye, hari ibintu bibuze …! Urugerero ni uburere dukwiye guha abana bacu b'Abanyarwanda[...]".*

Komisiyo y'Igihugu y'Itorero (NIC), ishingiye kuri izi mpanuro z'Umutoza w'Ikirenga ku byerekeye Urugerero, ifatanije n'Inzego z'Ibanze, yateguye kandi ishyira mu bikorwa urugerero ngarukamwaka rw'Urubyiruko rurangije amashuri yisumbuye (S6) rukorerwa ku rwego rw'Utugari. Ibi byagezweho ku bufatanye n'Inzego z'Ibanze.

NIC yanateguye Urugerero ruciye ingando rwakorewe ku rwego rw'Igihugu, ku rwego rw'Intara no ku rwego rw'Uturere, narwo rushyirwa mu bikorwa mu bufatanye n'Inzego z'Ibanze.

**Muri rusange**, ku byerekeye akamaro k'uru Rugerero rwakozwe n'Urubyiruko, rwagize uruhare mu gukemura bimwe mu bibazo by'Igihugu, hadakoreshejwe ingengo y'imari, bikaba ari ibyo kwishimira.

**By'umwihariko,** kuba Urubyirukoruhurira hamwemu bikorwa by'Ubwitange ku Rugerero,ni uburere, ni imitoreze ibarememokuba Abanyarwanda bifitiye icyizere, bakunda umurimo, bashishikajwe no kwigira no kwihesha agaciro, hamwe no gutanga umusanzu wabo mu gukemura ibibazo by'Igihugu.

Mu gutera intambwe yo konoza gahunda y'Urugerero(n'Ubwitange), guhera muri 2020, Komisiyo y'Igihugu y'Itorero yashyizeho icyiciro cy'Urugerero rw'Indahangarwa rukorwa n'Urubyiruko hirya no hino mu Turere. Ni Urugerero rwakomereje mu murongo usanzwe wo gutuma Urubyiruko rufatanya n'abandi Banyarwanda kuvanaho ingorabahizi, aho ziri. Urugerero rw'Indahangarwa ni Urugerero ruzahoraho, rufite umwihariko w'uko ruzajya rukorwa n'abarangije amashuri yisumbuye, bari hamwe n'abiga muri za Kaminuza n'Amashuri makuru, bagakemura bimwe mu bibazo by'abaturage bakoresheje ubumenyi n'ubuzobere byihariye bavanye mu mashuri. Bazanunganira Inzego z'Ibanze zegereye abaturage, mu gutanga zimwe muri serivisi zisabwa n'abaturage.

Uko uru rugerero ruzagenda rushinga imizi, rutegerejweho umusaruro ushingiye ku bumenyi n'ubuzobere by'abazajya barujyaho, kuko bazajya bategurirwa kuvanaho ingorabahizi zo mu rwego rw'ibyo bafitemo ubumenyi n'ubuzobere byihariye.

Muri ibi bihe bidasanzwe by'icyorezo cya COVID-19, Urugerero rw'Indahangarwa rwibanze ku bikorwa byo kurwanya ikwirakwizwa ryacyo, by'umwihariko ku bigo by'amashuri n'ahandi hose hahurira abantu benshi hirya no hino mu Mijyi no mu Turere, kandi byatanze umusaruro ushimishije. Birakwiye rero ko Inzego z'Ibanze zikomeza kunoza imicungire y'uru Rugerero no kunganira mu buryo bunyuranye Indahangarwa ziruriho, mu mikoranire yabo ya buri munsi.

Mu rwego rwo gushyiraho uburyo buhamye kandi bunoze bwogucunga, gukurikirana no guhuza ibikorwa by'uru Rugerero ruzahoraho, kandi bizashingirwaho mu gusuzuma umusaruro warwo,Komisiyo y'Igihuguy'Itorero (NIC) yateguye iki gitabo cy'Inyoborabatoza kigizwe n'Urwunge rw'inyandiko enye (4) zikurikira:

1. *Umurongo w'imitunganyirize n'imicungire y'Urugerero rw'Indahangarwa.*
2. *Imiyoborere y'Urugerero rw'Indahangarwa.*
3. *Imbonerahamwe y'ibizakorwa n'Urugerero rw'Indahangarwa, n'Inzego zizabigiramo uruhare.*
4. *Ikurikiranabikorwa ry'Urugerero rw'Indahangarwa ku rwego rw'Igihugu.*

Iyi nyoborabatoza yateguwe hashingiwe ku bikubiye mu Igenamigambi rya NIC ry'imyaka itanu (2018-2023)ryubakiye kuri NST-1 (2017-2024) n'Icyerekezo 2050 cy'u Rwanda, iribanda ku gukangurira Urubyiruko kugira imyumvire yo gukunda Igihugu, kumenya no gusobanukirwa imigambi y'Igihugu n'uburyo bwo kuyigeraho, harimo ubwitange ku Rugerero rwo kugikorera no kugiteza imbere;

kwigirira icyizere cyo kwikemurira ibibazo no kwihesha agaciro. Bene iyi mitoreze ku Rugerero rwateguwe neza, ni yo izatuma Urubyiruko rw'u Rwanda ruhinduka intiganda, bityo rube abaturage bahora bashishikajwe no kwigira no kwihesha agaciro. Ni bwo buryo bwo gukomeza umurage w'Abakurambere bacu twubaka ibihe turimo, dutegura iby'abazadukomokaho uko ibihe bihaye ibindi, ari byo byubaka uburame bw'u Rwanda.

***Harakabaho u Rwanda, harakabaho***
***Intore zifite Ishyaka ry'u Rwanda***

**Désiré MIGAMBI MUNGAMBA**
**Lt Col**
**Visi Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Itorero**

# IBIRIMO

- Ijambo ry'ibanze..........................................................................i

- Umurongo w'imitunganyirize n'imicungire y'Urugerero rw'Indahangarwa.........................................................................1

- Imiyoborere y'Urugerero rw'Indahangarwa.........................10

- Imbonerahamwe y'ibizakorwa n'Urugerero rw'indahangarwa, n'inzego zizabigiramo uruhare................17

- Ikurikiranabikorwa ry'Urugerero rw'Indahangarwa ku rwego rw'igihugu............................................................24

# UMURONGO W'IMITUNGANYIRIZE N'IMICUNGIRE Y'URUGERERO RW'INDAHANGARWA/ 2020

## 1. IRIBURIRO

Kwitangira u Rwanda ku Rugerero ni imwe mu ndangagaciro dukomora ku Bakurambere bacu. Bazitorezaga mu Muryango, mu Itorero no ku Rugerero, bikabafasha kugira imitekerereze n'imigirire bihamye mu mibereho n'imibanire yabo.

Gahunda yo kwitangira u Rwanda ku Rugerero ni iteme rihuza ibyo hambere n'iby'ubu. Izatuma Abanyarwanda, cyane cyane abakiri bato bamenya amateka n'umuco by'u Rwanda, batora ishyaka ry'u Rwanda, ribaremamo kurukunda no kurwitangira.

Kwitangira u Rwanda ku Rugerero bizakomeza kunganira Gahunda za Leta zisanzweho zubaka ubumwe, gukunda u Rwanda, kunoza umurimo bigeza Abanyarwanda ku kwigira no kwihesha agaciro.

Ku Rugerero, Intore itozwa kumenya no gusobanukirwa imigambi y'Igihugu n'uburyo bwo kuyigeraho; kwigirira icyizere cyo kwikemurira ibibazo no kwihesha agaciro; kuba umusemburo w'impinduka nziza; kugira umuco w'ubwitange mu gukorera Igihugu; kuba Intore igira ishyaka n'ishema byo guhiga, kwivuga ibigwi no kuba indashyikirwa mu migirire ye yose.

Ku Rugerero kandi, Indahangarwa ihatorezwamo kuba Umunyarwanda ukunda Igihugu, ukunda umurimo, ufite Indangagaciro na Kirazira by'umuco nyarwanda, kandi ufite umuco w'Ubutore, ugaragarira mu myitwarire n'amahame Intore igenderaho, yo kwimakaza indangagaciro z'umuco nyarwanda biyiranga mu mikorere yayo ya buri munsi.

Amahame Intore itorezwa ku Rugerero nanone ni aya akurikira: *Intore ntiganya, ishaka ibisubizo; Intore si nanjye binyobere, ni nkore neza bandebereho; Intore ntiyoba, no mu nzira y'inzitane yishakira inzira; Intore ikemura ibibazo byayo, ntibyimurira ku bandi; Intore ntigambanira indi, kirazira gutatira igihango; Intore ntivunda, ntisahinda, ijabo ryayo riyiha ijambo.*

## 2. INTANGIRIRO

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 48 ivuga ko: *"...Abanyarwanda bose bafite inshingano zo kugira uruhare mu iterambere ry'Igihugu bitabira umurimo no kubumbatira amahoro, demokarasi, ubutabera n'uburinganire mu mibereho y'abaturage no kugira uruhare mu kurengera Igihugu cyabo..."*

Gahunda y'Urugerero iteganywa muri Politiki y'Itorero ry'Igihugu mu Rwanda yemejwe n'inama y'Abaminisitiri yo kuwa 18 Ugushyingo 2011, itangizwa ku mugaragaro na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul KAGAME, tariki 15 Kamena 2013 mu muhango wabereye kuri Petit Stade i Kigali. Aha yabwiye Intore ko Urugerero ari ifumbire y'ubwenge, ko utarugiyeho agwingira.

Itegeko N$^{0}$ 41/2013 ryo kuwa 16/06/2013 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu y'Itorero rikanagena inshingano, imiterere n' imikorere byayo, mu ngingo ya 7 agace ka 5, riha Komisiyo y'Igihugu y'Itorero inshingano yo gutegura no gukurikirana ibikorwa by'ubwitange mu gukorera Igihugu. Mu ngingo yaryo ya 11 agace ka 8 iha inshingano inama y'Abakomiseri zo kugena ibyo abari ku rugerero bagenerwa, mu gace ka 9 ibaha inshingano zo kugena icyiciro cy'abajya ku rugerero n'igihe bamarayo, mu gace ka 10 ibaha inshingano zo kugena imirimo izakorerwa ku rugerero n'aho izakorerwa hakurikijwe ibyo Igihugu gikeneye.

Muri Gahunda y'Igihugu yo kwihutisha Iterambere (NST1) mu Nkingi y'Imiyoborere, igikorwa cya 6 mu bizitabwaho kurusha ibindi ni ***"ukongera uruhare rw'abaturage, ubutiganda n'ubufatanye bwabo mu iterambere"***. Ingingo y'104 iteganya kwimakaza umuco wo kwigira, gukorera hamwe, ubupfura/ubudahemuka, ubwisungane no gukunda Igihugu mu Banyarwanda no kwishakamo ibisubizo biberanye n'ibibazo bibangamira Abanyarwanda b'ingeri zose; Kongerera ingufu n'ubushobozi gahunda y'Igihugu y'Ubwitange (Urugerero) ibarizwa mu Itorero ry'Igihugu hagamijwe guhindura urubyiruko abaturage bahora bashishikajwe no kwigira no kuba intiganda.

Politiki y'Urugerero iteganya ko urubyiruko rufite hagati y'imyaka 18-35 rujya ku Rugerero rubatoza umuco wo kwitangira u Rwanda batizigama.

Mu gushyira mu bikorwa ry'iyi politiki, kuva 2012 Urugerero rwatangiranye n' icyiciro cy'abarangije umwaka wa 6 w'amashuri yisumbuye. Hakaba hamaze gukorwa ibyiciro 8 byo ku Mudugudu n'ibyiciro 3 by'Urugerero Ruciye ingando.

Ibi byabereye Igihugu urugero rw'ibishoboka mu ishyirwa mu bikorwa bya Politiki n'imicungire y'Urugerero.

Hashingiwe ku bikubiye muri NST1 ingingo yayo ya 107 ivuga ko Urubyiruko rwose rusabwa kujya ku Rugerero, muri uyu mwaka wa 2020-2021 hatewe intambwe yo gutangiza ikindi cyiciro cy'urubyiruko **(Indahangarwa)** cy'abarangije amashuri makuru na kaminuza, abarangije amashuri yisumbuye bacikanwe n'Urugerero Inkomezabigwi cyangwa abandi bifuza kurugarukaho bari mu Tugari.

N'ubwo umutwe w'intore z'urubyiruko rwose witwa Inkomezamihigo, intore zagiye ku Rugerero hatangiye inkomezabigwi mu Nkomezamihigo. Ubwo NST1 isaba urubyiruko rwose ruzajya ku Rugerero, urubyiruko rwose ruzajya ku Rugerero ruzitwa INDAHANGARWA .

## 3. URUGERERO RW'INDAHANGARWA

Urugerero Inkomezabigwi 2020 nyuma y'amezi abiri rutangiye rwarasubitswe bitewe n'icyorezo cya COVID-19 cyahagaritse ibikorwa byinshi, byagiye bifungurwa mu byiciro habanje imyiteguro y'ingamba z'ubwirinzi zigirwamo uruhare n'abantu benshi cyane cyane urubyiruko, harimo amasoko, ibigo bitegerwamo imodoka, n'ahandi hantu hahurira abantu benshi.

Mu myiteguro yo gutangira amashuri muri Nzeri 2020 hazakenerwa amaboko ahagije y'intore zo mu Ngamba y'Indahangarwa azafasha mu kubahiriza ishyirwa mu bikorwa ry'amabwiriza ya Minisiteri y'Ubuzima yo kwirinda icyorezo cya COVID-19.

Muri uyu mwaka wa 2020-2021, INDAHANGARWA zizajya ku Rugerero ni abarangije Kaminuza n'Amashuri Makuru bari mu mirenge nk'uko bari mubo Abanyarwanda bategerejeho kubafasha guhindura imyumvire, kwiteza imbere bo ubwabo no guteza imbere Igihugu, hashingiwe ku bumenyi buhanitse bahakuye n'ubutore bushimangira indangagaciro bashaka kubakiraho u Rwanda.

Icyiciro cya mbere cy'Urugerero rw'Indahangarwa kizagibwaho n'abarangije amashuri makuru na kaminuza, abarangije amashuri yisumbuye bacikanwe n'Urugerero Inkomezabigwi n'Inkomezabibigwi zifuza kurugarukaho bari mu Tugari.
Kimwe n'Urugerero rw'Inkomezabigwi, Urugerero rw'Indahangarwa ruzatangirana n'abakora Urugerero rw'Igice cy'Umunsi bazarambagizwamo Indashyikirwa zizajya ku Rugerero Ruciye Ingando.

Intero y'Urugerero rw'Indahangarwa ni iyi ikurikira: **''TWITANGIRE U RWANDA TUTIZIGAMYE ku Rugerero rwo kwigira, kwihesha agaciro, kuba 'Nkore neza Bandebereho' no kuba indashyikirwa mu iterambere''.**

## 4. IGITEGEREJWE KU RUGERERO RW'INDAHANGARWA

Uru Rugerero rw'Indahangarwa rutegerejweho gutoza indahangarwa zizarwitabira guhinduka urubyiruko ruhora rushishikajwe no kwigira no kuba intiganda, rugatozwa kumenya no gukoresha amahirwe arukikije mu kwiyubaka hagamijwe kwigira no kwihesha agaciro.
Gutozwa kumenya u Rwanda no kwitangira gukemura ibibazo biriho muri mu mirimo zizakora ku Rugerero izibanda kuri izi gahunda zikurikira:

a. Gufasha inzego z'uburezi cyane ku bigo by'amashuri mu bikorwa byo kubahiriza amabwiriza ya Minisiteri y'Ubuzima yo kwirinda icyorezo cya COVID-19.

b. Gufatanya n'abafatanyabikorwa bo mu buhinzi n'ubwozozi kwegeranya amakuru y'ingenzi no gutanga serivisi biteza imbere ubuhinzi n'ubworozi mu Tugari.

c. Gufatanya n'abafatanyabikorwa bo mu nzego z'uburezi kwigisha indimi (icyongereza n'igifaransa Ikinyarwanda) n'ikoranabuhanga mu burezi.

d. Gukora ubukangurambaga kwegeranya imibare no gutanga serivisi biteza imbere imibereho myiza y'abaturage; no guhamya Isibo y'Intore.

e. Kwegeranya imibare no gutanga serivisi bikenerwa n'inzego za Leta mu Iterambere ry'Igihugu.

f. Gutoza abatoza b'Itorero ry'Umudugudu, Itorero mu mashuri n'Urugerero.

## 5. INGENGABIHE Y'IMITUNGANYIRIZE Y'URUGERERO RW'INDAHANGARWA

| SN | Igikorwa | Igihe | Urwego igikorwa kizaberaho | Uzakora igikorwa |
|---|---|---|---|---|
| 1 | NIC, kugisha inama Abafatanyabikorwa | 8-10/7/2020 | NIC | NIC |
| 2 | Kohereza Abayobozi b'Uturere Umurongo wateguwe | Bitarenze 13/7/2020 | NIC | NIC |
| 3 | Inama y'imyiteguro izahuza Komisiyo y'Igihugu y'Itorero n'Abafatanyabikorwa igamije kumvikana uruhare rwa buri wese. | Bitarenze Kuwa kabiri 21/7/2020 | NIC n'Abafatany abikorwa | NIC n'abafatanyabi korwa |
| 4 | Inama yaguye y'Abafatanyabikorwa b'Urugerero ku Karere | Bitarenze 23/7/2020 | Akarere | Ubuyobozi bw'Akarere |
| 5 | Kurambagiza Abatoza b'Urugerero hashingiwe ku nzego zizakorerwamo Urugerero | Bitarenze 26/7/2020 | Akarere | Ubuyobozi bw'Akarere |
| 6 | Amahurwa y'Abatoza b'Urugerero | 30-31/7/2020 | NIC n'Abafatany abikorwa | Ubuyobozi bw'Akarere |
| 7 | Inama izabera ku Mirenge y'ubukangurambaga no gutegura urutonde rw'Intore zizatumirwa ku Rugerero rw'Indahangarwa. | 02/08/2020 | Umurenge | Ubuyobozi bw'Umurenge |
| 8 | Komite mpuzabikorwa y'Itorero ku Murenge | Bitarenze 6/8/2020 | Umurenge | Ubuyobozi bw'Umurenge |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | kwemeza Urutonde rw'abazajya ku Rugerero | | | |
| 9 | Kuba buri Karere gafite Urutonde rw'abazajya ku Rugerero rw'Indahangarwa | Bitarenze 6/8/2020 | Akarere | Ubuyobozi bw'Akarere |
| 10 | Amahugurwa y'Intore zizajya ku Rugerero ku "umuco w'Ubutore n'ubwitange ku Rugerero biranga Intore". | Bitarenze 11/08/2020 | Umurenge | NIC, Akarere n'Abafatanyabi korwa |
| 11 | Kurema amasibo ashingiye ku bizakorwa ku Rugerero no kubihugurwamo. | Bitarenze 12/08/2020 | Umurenge | Akarere n'Abafatanyabi korwa |
| 12 | Kujya mu ngamba no gutegura imihigo ya buri sibo. | Bitarenze 13/08/2020 | Umurenge | Ubuyobozi b'Umurenge |
| 13 | Kureba imitunganyirizwe y'ahazakorerwa Urugerero. | 17/8/2020 | Ahazabera Urugerero | Akarere, Umurenge n'Abafatanyabi korwa |
| 14 | Umuhango wo Gutangiza Urugerero ku Mugaragaro. | Bizashingira ku itangira ry'amashuri | Umurenge | NIC n'Abafatanyabi korwa |
| 15 | Inama ya buri byumweru bibiri iba kuwa gatanu y'Intore ziri ku Rugerero isuzuma imigendekere y'Urugerero. | 28/8/2020 | Umurenge | Komite Mpuzabikorwa y'Itorero ku Uurenge n'abatoza. |
| 16 | Gusoza igihembwe cya mbere cy'Urugerero rw'Indahangarwa. | 5 /12/2020 | Umurenge | NIC, Akarere n'Abafatanyabi korwa. |

## 6. ABAFATANYABIKORWA MU MITUNGANYIRIZE Y'URU RUGERERO

Komisiyo y'Igihugu y'Itorero, mu kunoza imyiteguro n'imitunganyirize y'Urugerero rw'Indahangarwa, izunganirwa n'izindi Nzego zisanzwe ari Abafatanyabikorwa ba NIC mu gutoza Umuco w'Ubutore n'Urugerero. Ni Abafatanyabikorwa bazagira uruhare mu bikorwa bikurikira: *ubukangurambaga ku bizakorwa kuri urwo Rugerero, ubukangurambaga ku bazarujyaho, imyiteguro mu gushaka abatoza, no gutanga ibyangombwa bizakenerwa mu kunoza no gukurikirana imigendekere y'Urugerero nyirizina. Abo Bafatanyabikorwa ni* **MYCULTURE, MINALOC, MINAGRI, MINEDUC, MICT, MINISANTE, UTURERE, RAB, REB, LODA, RBC, RSSB, RHA, WDA, RISA, RDF na RNP.**

## 7. UMWAMBARO W' INTORE ZO KU RUGERERO N'ABATOZA BAZO

a. Intore w'intore zo ku rugerero rw'igice cy'umunsi zizambara t-shirt ya Lacoste yanditseho :
   **Imbere**: Urugerero
   **Inyuma** : INDAHANGARWA Twitangire u Rwanda Tutizigama

b. Abatoza n'Intore zo ku Rugerero rw'INDAHANGARWA bazambara umwambaro w'umutoza w'Intore (T-Shirt Lacoste) yanditseho :

   **Imbere**: Urugerero
   **Inyuma**: INDEMYAMIHIGO Twitangire u Rwanda Tutizigama

## 8. IMITERERE Y'UBUYOBOZI BW'URUGERERO RW'INDAHANGARWA

Ubuyobozi bw'Urugerero rw'Indahangarwa buteye ku buryo bukurikira:

a. **Umutwe w'Intore** : Umutwe w'intore ziri ku Rugerero uri ku rwego rw'Akarere ugizwe n'amatorero 5 y'intore zo ku Rugerero ashingiye ku mirimo y'ingenzi izakorwa ku Rugereroo yavuzwe hejuru.

b. **Itorero:** Itorero ku rwego Urugerero ruberaho (umurenge) rigizwe n'Amasibo 4. Ayo masibo ni: Isibo ya mbere, isibo ya kabiri, isibo ya gatatu n'isibo ya kane y'Ingobokarugamba;

c. **Isibo y'Intore:** Isibo y'intore ku rugerero igizwe n'ingamba 3 zifite imibare ingana y'intore, izo Ngamba ni: Ingamba ya mbere, Ingamba ya kabiri, Ingamba ya gatatu.

d. **Ingamba:** Ingamba niyo shingiro ryo gutanga ikivi ku bikorwa binini bikorwa ku Rugerero intore zihuriraho.

**Icyitonderwa:** Igihe cy'Urugerero Ruciye Ingando rw'Indahangarwa kizagenwa hashingiwe ku bihe n'imiterere y'icyorezo cya COVID-19.

## 9. GUHUZA IBIKORWA, GUKURIKIRANA NO GUHANA AMAKURU KU MIGENDEKERE Y'URUGERERO RW'INDAHANGARWA

Kugira ngo ibikorwa by'urugerero bikurikiranwe kandi bihuzwe neza, ni ngombwa ko hajyaho JOC (Joint Operation Cell) ku nzego eshatu: ku rwego rw'aho imirimo ikorerwa, ku rwego rw'Akarere no ku rwego rw'Igihugu.

a. Ku rwego rw'aho imirimo ikorerwa, JOC ihuriweho n'abatoza 5 bafite mu nshingano ibikorwa intore zikora ku Rugerero. Kuri uru rwego, JOC iyoborwa n'umukozi w'umurenge ufite mu nshingano gahunda n'ibikorwa by'Itorero.

b. Abagize inama ya JOC ku Karere: Inama ya JOC ku Karere igizwe n'abafite ibikorwa bikorwa n' Urugerero biri mu nshingano zabo: Abayobozi b'amashami (imiyoborere myiza, imibereho myiza, ubuhinzi n'ubworozi, uburezi, ikoranabuhanga n'itumanaho), abafatanyabikorwa b'ibikorwa by'urugerero n' inzego z'umutekano. JOC iyoborwa n'umuyobozi w'Akarere cyangwa undi muyobozi yagena kumuhagararira.

c. Ku rwego rw'Igihugu hari JOC iyoborwa na Chairman wa NIC, ikurikirana imigendekere y'ibikorwa by'Urugerero bya buri munsi ibarizwa muri NIC ihuriweho n'abafatanyabikorwa b'Urugerero, NIC ikayibera umwanditsi.

## 10. GAHUNDA Y'URUGERERO RW'INDAHANGARWA

Urugerero rw'Indahangarwa ruzakorwa mu bihembwe 2 bishingiye ku bihembwe by'amashuri n'ibihembwe by'ihinga ku buryo bukurira:

**Igihembwe cya mbere**: igihembwe cya mbere kijyanye n'igihembwe n'igihembwe cya mbere cy'amashuri n'igihembwe cya mbere cy'ihinga (Kanama-Ukuboza).

**Igihembwe cya kabiri**: Iki gihembwe kijyanye n'igihembwe cya kabiri cy'amashuri n'igihembwe cya kabiri cy'ihinga (Mutarama- Mata).

## 11. ICYEMEZO CY'INTORE YARANGIJE URUGERERO RW'INDAHANGARWA

Intore irangije Urugerero, yarwitabiriye ku kigero nibura cya 80%, izahabwa icyemezo cy'Intore yagiye ku Rugerero rw'Indahangarwa.

Mu gihe cyo gusoza igihembwe cy'Urugerero, Intore zikora isuzumana ry'urungano, zikamurikira Umutware w'Umutwe w'Intore ku Karere ababaye Indashyikirwa kuri buri ruhembe zagiyeho, bakaba ari bo bagororerwa kuri buri rwego mu gihe cyagenwe, hashingiwe ku ngororano zagenwe na buri rwego.

## 12. UMUSOZO

Abarangije Urugerero rw'Indahangarwa bazibumbira hamwe muri za Koperative, bafashwe kwiteza imbere no gukomeza kwihutisha iterambere, binyuze mu byo bakoreye ku Rugerero.

*Bikorewe i Musanze, kuwa 13 Nyakanga 2020.*

**Désiré MIGAMBI MUNGAMBA**
**Lt Col**
**Visi Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Itorero**

# IMIYOBORERE Y'URUGERERO RW'INDAHANGARWA

**( National Youth Service - Indahangarwa).**

## I. INTANGIRIRO

Urugerero rw'Indahangarwa ruzagibwaho n'Intore zarangije amashuri Makuru na Kaminuza, abarangije amashuri 6 yisumbuye batabashije kujya ku Rugerero rw'Inkomezabigwi n'abagiye ku Rugerero rw'Inkomezabigwi bifuza kujya ku Rugerero rw'Indahangarwa.

### Ibizakorwa n'Intore zo ku Rugerero rw'Indahangarwa

1. Gufasha inzego z'uburezi cyane ku bigo by'amashuri kubahiriza amabwiriza yo kurwanya COVID-19

2. Gufasha abarezi kwigisha indimi ,imikoreshereze y'ibikoresho byo muri Laboratoire no gukoresha ikoranabuhanga mu burezi.

3. Kwegeranya amakuru y'ingenzi akenewe no gutanga serivisi z'ubuhinzi n'ubworozi mu Tugari.

4. Gukora ubukangurambaga, kwegeranya imibare no gutanga serivisi biteza imbere imibereho myiza y'abaturage.

5. Kubaka ubushobozi bw' abatoza b'Itorero ry'Umudugudu, Itorero mu mashuri rikora neza.

6. Guhamya imikorere y' Isibo yIntore.

7. Ibindi bikorwa Akarere kabona ari ngombwa

## II. IMIYOBORERE Y'URUGERERO RW'INDAHANGARWA

Imiyoborere y'Urugerero rw'Indahangarwa (Structure) ishingiye ku Umutware w'Urugerero, Umutwe w'Urugerero, Itorero ku Rugerero, Isiboy'intore ku Rugerero n'Ingamba y'intore ku Rugerero bitunganyijwe ku buryo bukurikira:

**UMUTWARE W'URUGERERO:** Umutware w' Urugerero rw'Indahangarwa mu Karere ni Umuyobozi w'Akarere .

**UMUTWE W'URUGERERO RW'INDAHANGARWA:** Umutware w'umutwe w'Urugerero rw'Indahangarwa ku Murenge ni Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge. Akagira intebe eshanu zishingiye ku matorero ayigize ariyo Benimana, Benegihanga, Abadahemuka, Abataneshwa n'Abadaheranwa.

### 1. ITORERO RYA BENIMANA

Itorero rya Benimana rigizwe n'intore zizajya ku ruhembe rwo :

**a.** Gukora ubukangurambaga kwegeranya imibare no gutanga serivisi biteza imbere imibereho myiza y'abaturage.

**b.** Kwegeranya imibare no gutanga serivisi bikenerwa n'inzego za Leta mu Iterambere ry'Igihugu.

Abafatanyabikorwa baryo b'ingenzi ni MYCULTURE, MINALOC, MINEDUC, MICT, MoD/RDF, MIGEPROFE, LODA, RISA, RSSB, RNP, n'abandi bafatanyabikorwa b'Akarere.

## 2. ITORERO RYA BENEGIHANGA ,

Itorero rya Benegihanga rigizwe n'Indahangarwa zizajya ku ruhembe rwo gufasha kwigisha indimi n'ikoranabuhanga mu mashuri.

Abafatanyabikorwa baryo b'ingenzi ni MYCULTURE, MINEDUC, MICT, RISA, MoD/RDF, RNP n'abandi bafatanyabikorwa b'Akarere.

## 3. ITORERO RY'ABADAHEMUKA

Itorero ry'Abadahemuka riginzwe Indahangarwa zizajya ku ruhembe rwo kwegeranya amakuru y'ingenzi akenewe no gutanga serivisi z'ubuhinzi n'ubworozi mu Tugari.

Abafatanyabikorwa baryo b'ingenzi ni MINAGRI n'ibigo biyishamikiyeho, MYCULTURE, MICT, MoD/RDF, RNP, RAB, NAEB, RISA n'abandi bafatanyabikorwa b'Akarere.

## 4. ITORERO RY' ABATANESHWA

Itorero ry'Abataneshwa rigizwe n'Indahangarwa zizajya ku ruhembe rwo kurwanya COVID-19 ku bigo by'amashuri.

Abafatanyabikorwa baryo b'ingenzi ni MINISANTE, MYCULTURE, MINEDUC, MoD/RDF, RNP, REB, WDA, RBC, n'abandi bafatanyabikorwa b'Akarere.

## 5. ITORERO RY'ABADAHERANWA

Itorero ry'Abadaheranwa rigizwe n'intore z'Indahangarwa zizajya ku ruhembe rwo gukora ibi bikurikira:

**a.** Kubaka ubushobozi bw'abatoza b'Itorero ry'Umudugudu, Itorero mu mashuri n'Urugerero.

**b.** Guhamya imikorere y' Isibo yIntore


**c.** Ibindi bikorwa Akarere kabona ari ngombwa: ubwubatsi, gufasha abatishoboye, kubaka ibikorwa rusange n'ibindi.

Inzego ziri ku isonga ku bizakorwa n'iri Torero ni NIC, MINALOC, MYCULTURE, MINEDUC, MICT, MoD/RDF, RNP, RISA, RHAn'abandi bafatanyabikorwa b'Akarere.

**ISIBO Y'INTORE KU RUGERERO RW'INDAHANGARWA:** Isibo y'intore ku Rugerero rw'Indahangarwa igizwe n'amasibo ashingiye ku byanya by'Urugerero ( ikigo cy'ishuri, umurima intore zizatumwamo, ifasi yo kwigishirizamo indimi n'ikoranabuhanga, aho kubakira ubushobozi bw'abatoza n'ahandi ). Buri sibo izahabwa izina ry'Indangagaciro ( Gukunda Igihugu, Ubutwari, ....)

**INGAMBA Y'INTORE KU RUGERERO:** Ingamba y'intore ku Rugerero ihuriweho n'intore zihuriye ku gikorwa cyihari mu isibo (gukarabya, kwigisha icyongereza n'ibindi).

**IMITERERE N'IMIYOBORERE Y'URUGERERO RW'INDAHANGARWA**



## III. GUHUZA IBIKORWA NO GUKURIKIRANA IMIGENDEKERE MYIZA Y'URUGERERO RW'INDAHANGARWA

1. Buri Karere kazagena umutoza w'Urugerero rw'Indahangarwa wunganira umutware w'umutwe w'Urugerero n'abunganira abatware b'Amatorero barangije amashuri makuru na Kaminuza buri wese mu ruhembe rw'Itorero atumwemo.

2. Umutware w'Umutwe w'Urugerero ahuza ibikorwa bya buri munsi intebe ze uko ari 5 (abatware b'amatorero) muri JOC y'Umurenge mu masaha yagenwe, kandi agaha raporo Umutware w'Umutwe ari we Muyobozi w'Akarere buri munsi.

3. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge agena mu batoza b'Urugerero abazunganira abakuru b'imidugudu, abaperezida b'Inama Njyanama z'Utugari mu buryo buhoraho mu kwandika, kuzuza imyirondoro y'abazajya ku Rugerero rw'Indahangarwa mu masibo y'Intore, mu Itorero ry'Umudugudu no mu mutwe w'intore/Akagari.

4. Abo batoza bagenwe bazajya bahuza ibyakozwe mu ngamba no mu masibo buri munsi babishyikirize abatware b'imitwe y'intore ku Kagari n'abatoza bunganira abatware b'umutwe w'intore zo ku Rugerero ku Murenge.

5. Komite mpuzabikorwa y'Itorero ku Murenge yemeza urutonde rw'abazajya ku Rugerero, ikanagena abazajya ku Rugerero mu gihembwe cya mbere no mu gihembwe cya kabiri bikemezwa na Komite Mpuzabikorwa y'Itorero ku Karere.

6. Mutwarasibo, Umukuru w'Itorero ry'Umudugudu n'Umutware w'umutwe w'intore bazakurikirana ubwitabire, ishyaka ry'intore biranga intore ziri ku Rugerero rw'Indahangarwa zo mu mutwe w'intore wabo aribyo bizashingirwaho mu kugaragaza intore y'Indashyikirwa no gutanga ingororano ku ndashyikirwa ibihembwe bibiri birangiye.

7. Abayobozi n'abakozi bafite mu nshingano ibizaba bikorwa n'intore ziri ku Rugerero ku rwego rw'Umurenge, Akarere, abafatanyabikorwa babo n'imitwe y'intore batoje bashinzwe guhugura, kuba hafi intore ziri ku Rugerero, kuzishakira ingishywa no gushyira raporo y'ibyakozwe muri raporo zabo kandi bakagaragaza ko byakozwe n'intore zo ku Rugerero.

8. Abayobozi n'abakozi bo ku Karere bafite mu nshingano ibizaba bikorwa n'intore ziri ku Rugerero mu Mirenge bazakurikira, bahuze kandi bashakire ingishywa intore ziri ku Rugerero kandi bakagira
uruhare mu kwemeza imitwe y'intore n'amatorero byahize abandi azahabwa ingororano y'ubudashyikirwa y'Akarere. Umuvuzi w'Amacumu Mukuru mu Karere ni Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho y'abaturage.

*Bikorewe i Musanze, Nyakanga 2020*

**Désiré MIGAMBI MUNGAMBA**
**Lt Col**
**Visi Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Itorero**

REPUBULIKA Y'U RWANDA

KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'ITORERO
www.nic.gov.rw

**IMBONERAHAMWE Y'IBIZAKORWA KU RUGERERO RW'INDAHANGARWA 1/2020 N'INZEGO ZIZABIGIRAMO URUHARE**

| S/N | IGIKORWA | IBISHINGIYE KU GIKORWA | INYANDIKO ZIBIGENGA | ABAFATANYABIKORWA |
|---|---|---|---|---|
| 1. | **Gufasha inzego z'uburezi cyane ku bigo by'amashuri kubahiriza amabwiriza yo kurwanya COVID-19** | 1. Gufatanya n'abarezi ibikorwa by'imyiteguro yo kwirinda COVID-19.<br>2. Gukora ubukangurambaga bw'ababyeyi bazohereza abana mu mashuri kubashakira ibikoresho byo kwirinda COVID-19 mbere yo kubohereza ku ishuri.<br>2. Gufatanya n'abarezi gusuzuma ko ishuri n'ibindi bikorwaremezo bihuza abantu, bifite | 1. Amabwiriza ya MINISANTE yo kwirinda COVID-19.<br>2. Amabwiriza ya MINEDUC ajyanye no kwitegura itangira ry'amashuri muri Nzeri 2020.<br>3. Izindi nyandiko zifitwe n'abayobozi b'amashami babifite mu nshingano mu Karere. | MINISANTE, RNP, RDF, RBC , SCHOOLS, UTURERE |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | uburyo bwo kwirinda Covid-19 (aho gukarabira, amazi ahagije, isabune cg hand sanitizers...)<br><br>3. Gukurikirana ko abarezi n'abanyeshuri bafite kandi yambaye neza agapfukamunwa.<br><br>4. Gufasha abana kumva uburyo bwo kwirinda icyorezo cya Covid 19 mu nzira bajya cyangwa bava ku ishuri.<br><br>5. Ibindi bigenwa n'Akarere n'Umurenge mu gushyira mu bikorwa amabwiriza yo kurwanya COVID-19. | | |
| 2. | **Gufasha abarezi kwigisha indimi ,imikoreshereze y'ibikoresho byo muri Laboratoire no gukoresha ikoranabuhanga mu burezi.** | 1. Gufasha abarimu kwigisha mu rurimi rw'icyongereza cyane cyane mu mashuri abanza<br><br>2. Gutoza abarezi kuvuga neza icyongereza,ikinyarwanda, igifaransa n'igiswayire binyuze muri gahunda zo kubatoza kugisoma neza, kukivuga neza no kucyandikamo inkuru ngufi.<br><br>3. Gutoza abarezi n'abanyeshuri kumenya gushaka amakuru abafasha mu burezi , kwiyungura | 1. Amabwiriza agenga imyandikire y'Ikinyarwanda<br><br>2. Amategeko y'igenantego<br><br>3. Inyandiko kuri "NTIBAVUGA BAVUGA"<br><br>4. Inyandiko ku micungire y'amasomero rusange mu Rwanda<br><br>Ibitabo by'abakangurambaga bo | MINEDUC, REB, WDA, KPL, Rwanda Polytechnic, MICT, RISA, MYCULTURE, RALC, RALSA, UMUHUZA , UTURERE |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | ubumenyi no kuvumbura ibishya.<br><br>4. Ibindi bizagenwa n'abatoza b'intore mu Karere no mu mirenge. | gusoma<br><br>5. Poritiki igenga Ikoranabuhanga (ICT Policy)<br><br>6. Izindi nyandiko zifitwe n'abayobozi b'amashami babifite mu nshingano mu Karere. | |
| 3. | **Kwegeranya amakuru y'ingenzi akenewe no gutanga serivisi z'ubuhinzi n'ubworozi mu Tugari** | 1. Ubukangurambaga mu guhuza ubutaka no Kubyaza umusaruro ubutaka bwose buhingwa.<br><br>2. Gukurikirana ko ingengabihe n'ikoranabuhanga mu buhinzi n'ubworozi mu gihembwe cya mbere iteguye neza.<br><br>3. Gukangurira abahinzi kwitabira gahunda ya "smart" nkunganire no gukurikirana ko bayitabira.<br><br>4. Gukangurira abaturage no gukurikirana ko bitabira gahunda y'ubwishingizi(Tekana urishingiwe) | 1.NATIONAL AP/Agenda Agricole | MINAGRI, RAB, RDF, NAEB,PSF, RISA, UTURERE |
| | | 5. Kumenyekanisha ku rubyiruko amahirwe ari m'ubuhinzi n'ubworozi yabafasha gutera imbere no gukurikirana ko yakoresha. | 2. PSTA 4 | MINAGRI, RAB, RDF, NAEB,RDB, MYCULTURE, NEP,RYAF, UTURERE |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | 6. Kubarura amatungo, imirima y'ibikoni,ingo zifite ibiti by'imbuto, ibimpoteri no gusuzuma ko bikoreshwa neza.<br><br>7. Ibindi byagenwa n'imirenge n'Utugari | 2. PSTA4<br><br>3. Izindi nyandiko zifitwe n'abayobozi b'amashami babifite mu nshingano mu Karere. | MINAGRI, RAB, RDF, NAEB, UTURERE |
| 4. | **Gukora ubukangurambaga, kwegeranya imibare no gutanga serivisi biteza imbere imibereho myiza y'abaturage** | 1. Gufatanya na ba mutwarasibo Gusobanurira Abanyarwanda ibyiciro by'UBUDEHE bishya, kubafasha kujya mu byiciro byabo no gutegura imihigo yo kuzajya ku cyiciro cyisumbuye.<br><br>2. Gufatanya na ba mutwarasibo kubarura abaturage bamaze kwishyura ubwisungane mu kwivuza no gukangurira abatari bishyura kwishyura ku gihe.<br><br>3. Gukusanya amakuru ku bangavu batewe inda z'imburagihe no kumenya ko abazibateye bakurikiranwe.<br><br>4. Gukangurira Abanyarwanda binyuze mu masibo y'intore kwizigamira bitabira gahunda ya EJO HEZA.<br><br>5. Gukangurira Abanyarwanda binyuze mu masibo y'intore kwitabira Umugoroba w'Imiryango no gukurikirana ko ibyemezo byafatiwemo mu rwego rwo kubaka umuryango | 1. Inyandiko isobanura ibyiciro by'ubudehe bivuguruye<br><br>2. Itegeko rya MUSA<br><br>3. Itegeko ry'umuryango<br><br>4.EJO HEZA PROGRAM<br><br>5. Izindi nyandiko zifitwe n'abayobozi b'amashami babifite mu nshingano mu Karere. | MINALOC, MIGEPROF, NIC, LODA, RBC, RSSB, NISR, UTURERE |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | ushoboye kandi utekanye byubahirizwa. | | |
| 5. | **Kubaka ubushobozi bw' abatoza b'Itorero ry'Umudugudu, Itorero mu mashuri rikora neza.** | 1. Kubaka ihuriro rikora neza rihuriweho abakuru b'imitwe y'Utugari b'itorero ry'Umudugudu, n'abakuru b'Itorero mu mashuri abanza n'ayisumbuye ku rwego rwa buri Murenge mu rwego rwo gukurikirana imikorere n'ishyirwa mu bikorwa ry'umurongo w'Itorero ry'Umudugudu n'umurongo w'Itorero mu mashuri nk'uko biteganywa muri NSTI.<br><br>2. Guhugura no kugeza imfashanyigisho ku abatoza b'imitwe y'intore y'Itorero ry'Umidugudu n'itorero mu mashuri ku rwego rwa buri Murenge.<br><br>3. Gukurikirana ko Umurongo w'imikorere y'Itorero ry'Umudugudu n'umurongo w'imikorere y'Itorero mu mashuri ko bikurikizwa mu Itorero ry'Umudugudu no mu mashuri.<br><br>4. Gufatanya n'ubuyobozi bw' Umurenge n'ubw'Akarere gushaka no kwemeza inzira y'urugendo rw'umurage n'ubutwari bitoza umuco wo gukunda Igihugu " A Journey in the Life of Heroe and Rwandan Legacy". | 1. Umurongo wo kunoza imikorere y'itorero mu mashuri y'incuke, abanza, n'ayisumbuye Umurongo w'imikorere y'Itorero ry'Umudugudu rikora neza n'imfashanyigisho yawo.<br><br>2. Umurongo w'imikorere y'Itorero mu mashuri.<br><br>3. Inyandiko y'Umurage w'u Rwanda.<br><br>4. Agatabo k'imfashamikorere (Imihigo y'inzego z'ibanze zegerejwe abaturage)<br><br>5. Umurongo w'imikorere y'Urugerero<br><br>6. Izindi nyandiko zifitwe n'abayobozi b'amashami babifite mu nshingano mu Karere. | MINALOC, MYCULTURE, MINEDUC, REB,WDA, NIC, UTURERE |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | 5. Gutegura KORANDEBE y'urugendo rw'umurage rw'Ingamba y'Indahangarwa n'Indirirarugamba bya buri torero ry'Umudugudu.<br><br>6. Ikindi gikorwa cyagenwa n'Ubuyobozi bw'Akarere cyangwa bw'Umurenge. | | |
| 6. | **Guhamya imikorere y' Isibo yIntore** | 1. Kurambagiza no kwemeza abatoza ba buri Ngamba bumva neza inshingano zabo.<br><br>2. Gufasha abagize Itorero ry'Umudugudu kumva ko Urugerero rwo kwigira no kwihesha agaciro buri ngamba irwumva neza kandi iruriho.<br><br>3. Gutegura ibihembwe by'umuganura no kwemeza abavuye mu cyiciro cy'ubudehe bajya mu kindi.<br><br>4. Gufasha abagize Ingamba gutegura imihigo ibaganisha kwimuka mu cyiciro barimo bajya mu cyisumbuye<br><br>5. Gukurikirana ko buri sibo ifite ibyapa, indangagaciro na Kirazira biyiranga no gukurikirana ko bikora neza.<br><br>6. Gutoza abagize isibo y'intore kumva neza ko ari bo shingiro ry'umurinzi w'ibyagezweho no kugira ishyaka ryo | 1. Umurongo w'imikorere y'Itorero ry'Umudugudu rikora neza n'imfashanyigisho yawo.<br><br>2. Umurongo w'imikorere y'Itorero mu mashuri.<br><br>3. Inyandiko y'Umurage w'u Rwanda.<br><br>4. Agatabo k'imfashamikorere (Imihigo y'inzego z'ibanze zegerejwe abaturage)<br><br>5. Izindi nyandiko zifitwe n'abayobozi b'amashami babifite mu nshingano mu Karere. | MINISANTE, MINALOC, MYCULTURE, MINEDUC, LODA, RBC, UTURERE |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | gushyira mu bikorwa neza gahunda z'inzego z'umutekano.<br><br>7. Gutoza abagize buri ngamba kugira ishyaka ryo kuba indashyikirwa mu kwimakaza umuco w'ubutore no kurinda ibyagezweho. | | |
| 7. | Ibindi bikorwa Akarere kabona ari ngombwa | 1. Gufasha muri gahunda z'ubwubatsi<br>2. Kugira uruhare mu bikorwa by'iterambere rusange<br>3. Ibikorwa bya human security issues<br>4. Gukora ubukangurambaga bwo gushyigikira amasomero rusange ari mu Turere<br>5. Ibindi Akarere kagena. | 1. Imihigo y'imirenge n'Utugari<br><br>3. Imihigo y'ibigo by'amashuri | UTURERE IMIRENGE |

Bikorewe i Musanze kuwa 22 Nyakanga 2020

**Desire MIGAMBI MUNGAMBA**
**Lt Col**
**Visi Perezida wa Komisiyo**

# IKURIKIRANABIKORWA RY'URUGERERO RW'INDAHANGARWA KU RWEGO RW'IGIHUGU

**( National Youth Service - Indahangarwa).**

## I. INTANGIRIRO

1. Komisiyo y'Igihugu y'Itorero ku bufatanye n'abafatanyabikorwa bateguye Urugerero rw'Indahangarwa ruzagibwaho n'urubyiruko rwarangije amashuri makuru na kaminuza, abarangije amashuri yisumbuye bacikanwe n'Urugerero rw'Inkomezabigwi n'abagiye ku Rugerero Inkomezabigwi ariko bifuza no kujya ku Rugerero rw'Indahangarwa (National Youth Service **-NYS Indahangarwa**).

2. Hamaze gutegurwa no kwemezwa umurongo w'imitunganyirize n'imicungire y'Urugerero rw'Indahangarwa, imbonerahamwe y'ibizakorwa ku Rugerero n'inyandiko igaragaza uburyo Urugerero rw'Indagangarwa ruzayoborwa.

3. Ni muri urwo rwego Komisiyo y'Igihugu y'Itorero n'abafatanyabikorwa b'Urugerero rw'Indahangarwa bafite mu nshingano imirimo izaba ikorwa n'intore zo ku Rugerero, bahuriye ku gikorwa cyo gukurikirana imyiteguro, imigendekere n'imicungire yarwo hashingiwe ku byemejwe mu nama y'abafatanyabikorwa b'Urugerero rw'Indahangarwa yabaye tariki 21 Nyakanaga 2020 bagiye kujya bakurikirana imyiteguro, imitunganyirize y'urwo Rugerero mu Turere hashingiwe ku nyandiko zatanzwe mu Turere.

4. Hashingiwe ku bihe Igihugu kirimo cyo kubahiriza amabwiriza ya MINISANTE yo kwirinda COVID-19 ibikorwa byo gukurikirana Urugerero rw'Indahangarwa mu Turere bizakorwa hakoreshejwe terefoni, webex meetings, e-mails cyangwa kujya mu Turere aho bibaye ngombwa.

5. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza intumwa zizakurikirana ibikorwa by'Urugerero rw'Indahangarwa mu Turere:

| # | UTURERE | AMAZINA Y'INTUMWA | IKIGO AKORERAMO | TELEFONI |
|---|---|---|---|---|
| ISIBO YA 1 | Kicukiro, Kayonza, Gatsibo, Nyagatare, Rwamagana | RUGEMINTWAZA Nepo ( **TeamLeader**) | NIC | 0788308084 |
| | | UMUTIRABURA Letitia | MIGEPROF | 0788856262 |
| | | Dr Isidori GAFARASI | RAB | 0780503589 |
| | | N.NGIRINSHUTI Valerie | NIC | 0788540967 |
| ISIBO YA 2 | Nyarugenge, Kamonyi, Muhanga, Ruhango, Rulindo | ZIGIRA Joseph ( **Team Leader)** | NIC | 0788612854 |
| | | RUTISHEREKA J. Pierre | MINALOC | 0788874970 |
| | | NABAKIJIJE M. Florence | REB | 0788763941 |
| | | MUGABO Emmanuel | RSSB | 0788566187 |
| | | NGEREJAHO J. Baptiste | NIC | 0785983326 |
| ISIBO YA 3 | Gasabo, Gicumbi, Bugesera, Ngoma, Kirehe | TWIZEYEYEZU M.Josee ( Team Leader) | NIC | 0788599739 |
| | | MUTANGANA Steven | MAYCULTURE | 0788558319 |
| | | HABIYAMBERE Ildephonse | WDA | 0788300991 |
| | | MAZIMPAKA Idrissa | NIC | 0781278001 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| ISIBO YA 4 | Ngororero, Karongi, Rutsiro, Rusizi, Nyamasheke | BAKUSI Alphonse ( Team Leader) | NIC | 0788592483 |
| | | MUKARWEGO Immaculee | LODA | 0788301084 |
| | | BAJYANAMA Donatien | MINISANTE | 0788354494 |
| | | KAMBANDA Dieudonne | NIC | 0788541274 |
| ISIBO YA 5 | Gisagara, Huye, Nyamagabe, Nyaruguru, Nyanza | NIWEMUKOBWA Aline | NIC | 0788329057 |
| | | NIYONSENGA Petra | MINAGRI | 0788951818 |
| | | RUTAYISIRE P. Celestin | UMUHUZA | 0788625944 |
| | | GASANA Pascal | NIC | 0782028857 |
| ISIBO YA 6 | Nyabihu, Rubavu, Burera, Gakenke, Musanze | UMURAZA Landrada | NIC | 0788593620 |
| | | KAYUMBA Anicet | RISA | 0788548488 |
| | | NDACYAYISENGA Dinamo | RBC | 0788263307 |
| | | UZARAMA Fausta | NIC | 0785556388 |

6. Abagize amasibo bazakurikirana ko Uturere twubahiriza ibi bikurikira:

a. Ingengabihe y'imyiteguro y'Urugerero rw'Indahangarwa yubahirizwa uko yateganyijwe.

b. Kwegeranya imfashanyigisho n'inyandiko za ngombwa ziva mu bafatanyabikorwa kandi zigashyikirizwa Uturere mbere y'amahugurwa.

c. Gukurikirana ko abatoza b'Urugerero rw'Indahangarwa baturuka mu nzego basangiye inshingano bashyizwe mu mbonerahamwe y'abazatoza bakanakurikirana Urugerero rw'Indahangarwa mu Mirenge.

d. Gukurikirana ko imfashanyigisho zoherejwe mu Turere ababahagarariye ku rwego rw'Uturere bazibonye kandi biteguye kuzitoza.

7. a. Buri sibo ihuza amakuru yose y'ikurikiranabikorwa mu Turere ikashyikiriza NIC (ishami ry'Urugerero) ikegeranyo cyayo kigashyikirizwa abafatanyabikorwa.

b. Abagize amasibo bose bazajya bagirana inama n'ubuyobozi bwa NIC kuri webex kabiri mu kwezi bagirane kandi inama n'Uturere kabiri mu kwezi yo gusuzuma imigendekere y'Urugerero rw'Indahangarwa no kujya inama.

Bikorewe Musanze tariki 28 Nyakanga 2020

NATIONAL ITORERO COMMISSION

**Désiré MIGAMBI MUNGAMBA**
**Lt Col**
**Visi Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Itorero**

- “ Urugerero ni ifumbire y’ubwenge, utarugiyeho aragwingira [.....]. Urugerero ni uburere tugomba guha Abana b’u Rwanda”.

- Intore ziri ku Rugerero rw’Indahangarwa zirasanira ku mpembe zo Gukumira no Kwirinda Covid-19; Gushaka ibisubizo kuri zimwe mu ngorabahizi dusanga mu Burezi, Ikoranabuhanga, Ibikorwa remezo n’Ubuhinzi; Guhamya Intego n’ibikorwa by’Itorero.